

<p>ITEGEKO NGENGA N° 53/2008 RYO KU WA 02/09/2008 RISHYIRAHU URWEGO RUSHINZWE ITERAMBERE MU RWANDA (RDB) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYARWO</p>	<p>ORGANIC LAW N° 53/2008 OF 02/09/2008 ESTABLISHING RWANDA DEVELOPMENT BOARD (RDB) AND DETERMINING ITS RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING</p>	<p>LOI ORGANIQUE N° 53/2008 DU 02/09/2008 PORTANT CREATION DE L'OFFICE POUR LA PROMOTION DU DEVELOPPEMENT AU RWANDA (RDB) ET DETERMINANT SA MISSION, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT</p>
--	--	---

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DES DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Ikigamijwe n'iri tegeko ngenga

Article one: Scope of application of this Organic Law

Article premier : Objet de la présente loi organique

Ingingo ya 2: Icyicaro cya RDB

Article 2: Headquarters of RDB

Article 2 : Siège de RDB

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RDB

CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF RDB

CHAPITRE II : DES MISSIONS DE RDB

Ingingo ya 3: Inshingano za RDB

Article 3 : Responsibilities of RDB

Article 3 : Missions de RDB

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RDB

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RDB

CHAPITRE III : DE L'ORGANE DE TUTELLE DE RDB

Ingingo ya 4: Urwego rureberera RDB n'amasezerano ya gahunda y'ibikorwa

Article 4: Supervising authority of RDB and the contract of performance

Article 4 : Organe de tutelle et contrat de performance

Ingingo ya 5: Ibikubiye mu masezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa

Article 5: Contents of the contract of performance

Article 5: Contenu du contrat de performance

Ingingo ya 6: Komite Ngishwanama

Article 6: Advisory Committee

Article 6 : Comité Consultatif

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE

CHAPTER IV: ORGANISATION AND

CHAPITRE IV : DE L'ORGANISATION ET DU

BYA RDB

Ingingo ya 7: Inzego z'Ubuyobozi za RDB

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 8: Inama y'Ubuyobozi ya RDB

Ingingo ya 9: Ishyirwaho ry'abagize Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 10: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 11: Itumirwa n'iterana ry'inama z'Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 12: Ibiteganywa n'amategeko ngengamikorere ya RDB

Ingingo ya 13: Uburyo ugize Inama y'Ubuyobozi amenyesha ko afite inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa

Ingingo ya 14: Itumira ry'abandi bantu mu nama y'Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 15: Inyandiko y'ibyemezo n'inyandikomvugo by'inama z'Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 16: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama

Ingingo ya 17: Ibitabangikanywa no kuba mu nama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 18: Impamvu zo kuva mu Nama y'Ubuyobozi

Icyiciro cya 2: Ubuyobozi Bukuru

FUNCTIONING OF RDB

Article 7: Administrative Organs of RDB

Section one: Board of Directors

Article 8: Board of Directors of RDB

Article 9: Appointment of Board members

Article 10: Responsibilities of the Board of Directors

Article 11: Convening and holding meetings of the Board of Directors

Article 12: Provisions of RDB's rules and procedures

Article 13: Procedures through which a member of the Board of Directors makes a notification of personal interest in issues under examination

Article 14: Invitation of a non Board members

Article 15: Resolutions and Minutes of Board meetings

Article 16: Sitting allowance for members of the Board of Directors

Article 17: Incompatibilities with membership of the Board of Directors

Article 18: Reasons for termination of membership in the Board of Directors

Section 2: General Directorate

FONCTIONNEMENT DE RDB

Article 7: Organes de direction de RDB

Section première : Du Conseil d'Administration

Article 8: Conseil d'Administration de RDB

Article 9: Nomination des membres du Conseil d'Administration

Article 10: Attributions du Conseil d'Administration

Article 11: Convocation et tenue des réunions du Conseil d'Administration

Article 12: Contenu du Règlement d'ordre intérieur de RDB

Article 13: Modalités de notification par un membre du Conseil d'Administration d'intérêt lié aux points sous examen

Article 14: Invitation d'autres personnes aux réunions du Conseil d'Administration

Article 15: Résolutions et procès-verbaux des réunions du Conseil d'Administration

Article 16: Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration

Article 17: Incompatibilités avec la fonction de membre du Conseil d'Administration

Article 18: Motif de cessation de la qualité de membre du Conseil d'Administration

Section 2 : De la Direction Générale

<u>Ingingo ya 19:</u> Abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RDB	<u>Article 19:</u> Members of the General Directorate	<u>Article 19 :</u> Composition de la Direction Générale de RDB
<u>Ingingo ya 20 :</u> Inshingano z'Ubuyobozi Bukuru bwa RDB	<u>Article 20:</u> Responsibilities of the General Directorate of RDB	<u>Article 20 :</u> Attributions de la Direction Générale
<u>Ingingo ya 21:</u> Ishyirwaho n'ikurwaho ry'Umukuru w'Ubuyobozi bwa RDB n'Abamwungirije	<u>Article 21:</u> Appointment and removal of the Chief Executive Officer of RDB and his or her Deputies	<u>Article 21 :</u> Nomination et révocation du Directeur Général en Chef et de ses Adjoints
<u>Ingingo ya 22:</u> Isimbura ry'Umukuru w'Ubuyobozi bwa RDB igihe adahari	<u>Article 22:</u> Replacement of the Chief Executive Officer in case of his or her absence	<u>Article 22 :</u> Remplacement du Directeur Général en Chef de RDB en cas d'absence
<u>Ingingo ya 23:</u> Inshingano z'Umukuru w'Ubuyobozi bwa RDB	<u>Article 23:</u> Responsibilities of the Chief Executive Officer of RDB	<u>Article 23 :</u> Attributions du Directeur Général en Chef de RDB
<u>Ingingo ya 24</u> Inshingano z'Abungirije Umukuru w'Ubuyobozi bwa RDB	<u>Article 24:</u> Responsibilities of Deputy Chief Executive Officers	<u>Article 24 :</u> Attributions des Directeurs Généraux Adjoints
<u>Ingingo ya 25:</u> Amasezerano hagati y'Umukuru n'abandi bagize Ubuyobozi Bukuru bwa RDB	<u>Article 25:</u> Contract of performance between the Chief Executive Officer and other members of the General Directorate of RDB	<u>Article 25 :</u> Contrat de performance entre le Directeur Général en Chef et les autres membres de Direction Générale de RDB
<u>Icyiciro cya 3:</u> Ubuyobozi bwa RDB n'inshingano zabwo	<u>Section 3:</u> RDB Management and its responsibilities	<u>Section 3 :</u> De la Direction de RDB et ses attributions
<u>Ingingo ya 26:</u> Abagize Ubuyobozi bwa RDB	<u>Article 26:</u> Members of the management of RDB	<u>Article 26 :</u> Composition de la Direction de RDB
<u>Ingingo ya 27:</u> Inshingano z'Ubuyobozi	<u>Article 27:</u> Responsibilities of the Management	<u>Article 27 :</u> Attributions de la Direction
<u>Ingingo ya 28:</u> Ibigenerwa abagize Ubuyobozi Bukuru bwa RDB n'abakozi	<u>Article 28:</u> Emoluments to the General Directorate and staff of RDB	<u>Article 28:</u> Appointements accordés aux membres de la Direction Générale et aux membres du personnel de RDB
UMUTWE WA V: Umutungo N'Imari	CHAPTER V: PATRIMONY AND FINANCE	CHAPITRE V: DU PATRIMOINE ET DES FINANCES
<u>Ingingo ya 29:</u> Umutungo wa RDB n'inkomoko	<u>Article 29:</u> Patrimony of RDB and its source	<u>Article 29 :</u> Patrimoine de RDB et ses sources

yawo

<u>Ingingo ya 30:</u> Kwegurirwa umutungo w'ibigo	<u>Article 30:</u> Transfer of Public Institution Patrimony	<u>Article 30:</u> Transfert du patrimoine des Etablissements publics
<u>Ingingo ya 31:</u> Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo	<u>Article 31:</u> Use, management and audit of the patrimony	<u>Article 31 :</u> Utilisation, gestion et audit du patrimoine
<u>Ingingo ya 32:</u> Iyemeza n'imicungire by'ingengo y'imari ya RDB	<u>Article 32:</u> Approval and management of the Budget of RDB	<u>Article 32:</u> Adoption et gestion du budget de RDB
<u>Ingingo ya 33:</u> Raporo y'umwaka w'ibaruramari	<u>Article 33:</u> Annual financial report	<u>Article 33:</u> Rapport annuel de l'exercice comptable
UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA	CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS	CHAPITRE VI : DES DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES
<u>Ingingo ya 34:</u> Igihe cy'inzibacyuho	<u>Article 34:</u> Transitional period	<u>Article 34 :</u> Période transitoire
<u>Ingingo ya 35:</u> Ivanwaho ry'ingengo zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 35:</u> Repealing of inconsistent provisions	<u>Article 35 :</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 36:</u> Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa	<u>Article 36:</u> Commencement	<u>Article 36 :</u> Entrée en vigueur

**02/9/2008 RISHYIRAHO URWEGO
RUSHINZWE ITERAMBERE MU RWANDA
(RDB) RIKANAGENA INSHINGANO,
IMITERERE N'IMIKORERE BYARWO**

**ESTABLISHING RWANDA DEVELOPMENT
BOARD (RDB) AND DETERMINING ITS
RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND
FUNCTIONING**

**PORTANT CREATION DE L'OFFICE POUR
LA PROMOTION DU DEVELOPPEMENT AU
RWANDA (RDB) ET DETERMINANT SA
MISSION, SON ORGANISATION ET SON
FONCTIONNEMENT**

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE
NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE
ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA, KANDI
DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI
YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE
SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING
ORGANIC LAW AND ORDER IT BE
PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF
THE REPUBLIC OF RWANDA.**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS
SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI
ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET
ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU
JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE
DU RWANDA.**

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT :

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 14
Kanama 2008;

The Chamber of Deputies, in its session of 14 August
2008;

La Chambre des Députés, en sa séance du 14 août
2008 ;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 13
Kanama 2008;

The Senate, in its session of 13 August 2008;

Le Sénat, en sa séance du 13 août 2008 ;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u
Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko
ryavugururwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo
zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya
93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 113, iya 118, iya 121,
iya 176, iya 183 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda
of 4 June 2003, as amended to date, especially in
Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 93, 94, 95, 108, 113,
118, 121, 176, 183, and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4
juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en
ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 93, 94, 95, 108,
113, 118, 121, 176, 183 et 201 ;

Ishingiye ku Itegeko Ngenza n° 04/2005 ryo ku wa
08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera,
kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu

Pursuant to Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005
determining the modalities of protection, conservation
and promotion of environment in Rwanda especially in

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005
portant modalités de protéger, sauvegarder et
promouvoir l'environnement au Rwanda,

Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 69;

Article 69;

spécialement en son article 69 ;

Isubiye ku Itegeko n° 45/2006 ryo ku wa 05/10/2006 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Guteza Imbere Ishoramari n'Ibicuruzwa Byoherezwa mu Mahanga (RIEPA);

Having reviewed Law n° 45/2006 of 05/10/2006 determining the responsibilities, organization and functioning of Rwanda Investment and Export Agency (RIEPA);

Revu la Loi n° 45/2006 du 05/10/2006 portant attributions, organisation et fonctionnement de l'Agence Rwandaise pour la Promotion des Investissements et des Exportations (RIEPA) ;

Isubiye ku Itegeko n° 46/2006 ryo ku wa 05/10/2006 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Ikigo cy'Igihugu cy'Ikoranabuhanga mu Itangazabumenyi no mu Itumanaho (RITA);

Having reviewed Law n° 46/2006 of 05/10/2006 determining responsibilities, the organization and functioning of Rwanda Information and Communication Technology Authority (RITA);

Revu la Loi n° 46/2006 du 05/10/2006 portant attributions, organisation et fonctionnement de l'Office National de Technologie de l'Information et de la Communication (RITA) ;

Isubiye ku Itegeko n° 39/2006 ryo ku wa 30/09/2006 rigena inshingano, imiterere, n'imikorere by'Ikigo cy'Ubukerarugendo na Pariki z'Igihugu mu Rwanda (ORTPN);

Having reviewed Law n° 39/2006 of 30/09/2006 determining responsibilities, the organization and functioning of Rwanda Office of Tourism and National Parks (ORTPN);

Revu la Loi n° 39/2006 du 30/09/2006, portant attributions, organisation et fonctionnement de l'Office Rwandais du Tourisme et des Parcs Nationaux (ORTPN) ;

Isubiye ku Itegeko n° 32/2007 ryo ku wa 30/07/2007 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Iyandikisha mu by'Ubucuruzi (RCRSA) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo;

Having Reviewed Law n° 32/2007 of 30/07/2007 establishing the Rwanda Commercial Registration of Services Agency (RCRSA) and determining its responsibilities, organization and functioning;

Revu la Loi n° 32/2007 du 30/07/2007 portant création, missions, organisation et fonctionnement de l'Agence Nationale d'Enregistrement Commercial (RCRSA) ;

Isubiye ku Itegeko n° 03/2007 ryo ku wa 22/01/2007 rigena inshingano, imiterere n'imikorere by'Ikigo cya Leta Gishinzwe Kongera Ubushobozi bw'Abakozi n'ubw'Inzego (HIDA);

Having reviewed Law n° 03/2007 of 22/01/2007 determining responsibilities, organization and functioning of Human Resource and Institutional Capacity Development Agency (HIDA);

Revu la Loi n° 03/2007 du 22/01/2007, portant attributions, organisation et fonctionnement de l'Agence de Développement des Ressources Humaines et Institutionnelles (HIDA) ;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOpte :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DES DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Ikigamijwe n'iri tegeko ngenga

Article One: Scope of application of this Organic Law

Article premier : Objet de la présente loi organique

Iri tegeko ngenga rishyiraho urwego rwihariye rushinzwe kwihutisha iterambere mu Rwanda rwitwa "Rwanda Development Board", RDB mu magambo

This Organic Law shall establish a specialized organ in charge of Fast tracking development activities in Rwanda referred to as "Rwanda Development

La présente loi organique porte création de l'organe spécialisé appelé Office pour la Promotion du Développement au Rwanda, dénommé "RWANDA

ahinnye y'ururimi rw'icyongereza. Iri tegeko ngenga rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byarwo.

RDB ifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo, kandi icungwa hakurikijwe ingingo zitandukanye z'iri tegeko ngenga.

Ingingo ya 2: Icyicaro cya RDB

Icyicaro cya RDB kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda, igihe bibaye ngombwa.

RDB ishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu no hanze y'igihugu bibaye ngombwa, kugira ngo igere ku nshingano zayo, byemejwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

UMUTWE WA II: INSHINGANO ZA RDB

Ingingo ya 3: Inshingano za RDB

Inshingano z'ingenzi za RDB ni izi zikurikira :

- 1° kwihutisha ibikorwa bigamije iterambere ry'ubukungu no gufasha Leta n'abikorera kubigiramo uruhare rugaragara;
- 2° guteza imbere ishoramari ry'abenegihugu n'iry'abanyamahanga mu Rwanda;
- 3° guteza imbere ibicuruzwa bikorerwa mu Rwanda n'amaserivisi byoherezwa ku masoko yo mu karere no ku masoko mpuzamahanga byongereye agaciro;
- 4° kugira uruhare mu gusembura no gushyira

Board", RDB in brief terms in English. This organic law also determines its responsibilities, organization and functioning.

RDB shall have a legal personality, administrative and financial autonomy and shall be governed in accordance with the provisions of this Organic Law.

Article 2: Headquarters of RDB

The headquarters of RDB is situated in the Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda if deemed necessary.

RDB may have branches elsewhere in the country and abroad if deemed necessary, upon approval by an Order of the Prime Minister, in order to fulfill its responsibilities.

CHAPTER II: RESPONSIBILITIES OF RDB

Article 3 : Responsibilities of RDB

The main responsibilities of RDB shall be:

- 1° to fast track development activities and to facilitate Government and the private sector and undertake an active role;
- 2° to promote local and foreign direct investments in Rwanda ;
- 3° to promote exports to regional and international markets of goods and services as well as adding value;
- 4° to participate in initiating and implementing

DEVELOPMENT BOARD", (RDB) en sigle anglais. Cette loi organique détermine également ses missions, sa structure et son fonctionnement.

RDB est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie financière et administrative et est gérée conformément aux dispositions de la présente loi organique.

Article 2 : Siège de RDB

Le siège de RDB est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

Pour mieux s'acquitter de sa mission, RDB peut, en cas de nécessité, sur Arrêté du Premier Ministre, établir des agences en tout autre lieu du territoire national ou à l'étranger.

CHAPITRE II : DES MISSIONS DE RDB

Article 3 : Missions de RDB

Les principales missions de RDB sont les suivantes :

- 1° Accélérer le développement économique et faciliter les activités de l'Etat et du secteur privé en la matière ;
- 2° promouvoir l'investissement local et l'investissement étranger au Rwanda ;
- 3° promouvoir les exportations des produits et services locaux vers les marchés tant régionaux qu'internationaux et leur valeur ajoutée ;
- 4° contribuer à la proposition et à l'exécution

<p>mu bikorwa politiki n'ingamba birebana n'ubukerarugendo no kubungabunga Pariki z'Igihugu n'ahandi hantu hakomye mu bijyanye n'ubukerarugendo, no kugira inama Guverinoma ku buryo byatezwa imbere;</p>	<p>policies and strategies in matters relating to tourism and conservation of National Parks and other protected areas in matters relating to tourism, and to advise Government on the promotion of the tourism sector;</p>	<p>des politiques et des stratégies en rapport avec le tourisme et la conservation des parcs nationaux et d'autres zones protégées en matière du tourisme, et conseiller le Gouvernement en matière de promotion de ce secteur ;</p>
<p>5° kugira uruhare mu gusembura no gushyira mu bikorwa politiki n'ingamba bya Guverinoma mu rwego rw'Ikoranabuhanga mu Itangazabumenyi no mu Itumanaho no kugira inama Guverinoma ku buryo byatezwa imbere;</p>	<p>5° to participate in initiating and implementing policies and strategies in the field of Information and Communication Technology and to advise Government on the promotion of the sector;</p>	<p>5° contribuer à la proposition et à l'exécution des politiques et des stratégies du Gouvernement en matière de technologie de l'information et de la communication et conseiller le Gouvernement en matière de promotion de ce secteur ;</p>
<p>6° gutanga umurongo mbonera, gusesengura imishinga no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo bya Guverinoma mu rwego rwo gushora imari ya Leta n'iy'abikorera;</p>	<p>6° to provide guidelines, analyze project proposals and follow up on the implementation of Government decisions in line with public and private investment;</p>	<p>6° donner l'orientation, analyser toute proposition et assurer le suivi des décisions du Gouvernement concernant les investissements publics et privés ;</p>
<p>7° gushyira mu bikorwa gahunda zo kwegurira ibigo bya Leta abikorera, kuzikurikirana no kugira inama Leta muri urwo rwego;</p>	<p>7° to carry out privatization programmes, monitor them and advise Government accordingly ;</p>	<p>7° exécuter les programmes de privatisation, en assurer le suivi et conseiller le Gouvernement en la matière ;</p>
<p>8° guteza imbere umuco wo kwihangira imirimo no gufasha ivuka n'iterambere ry'ibigo by'abikorera;</p>	<p>8° to promote entrepreneurship and support the creation and development of private enterprises ;</p>	<p>8° promouvoir l'entrepreneuriat et appuyer la création et le développement des entreprises privées;</p>
<p>9° kugena, gushyira mu bikorwa no gukurikirana imirimo yerekeranye no guteza imbere, kunoza imikoranyire no kwandika amasosiyete n'amashyirahamwe y'ubucuruzi, ingwate z'amasezerano, uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge n'uburenganzira bwo gutangira, gukora no guhagarika imirimo y'ubucuruzi;</p>	<p>9° to initiate, implement and follow up the activities relating to modernizing, harness relationship and registering, trading companies and businesses, secured transactions, intellectual property rights and activities to initiate, exercise and halt business activities ;</p>	<p>9° proposer, assurer et faire le suivi des activités en rapport avec le partenariat, la promotion et l'enregistrement des sociétés commerciales et associations commerciales, des garanties de transactions, des droits de la propriété intellectuelle, la liberté d'entreprise, d'exercice et de cessation d'activités commerciales ;</p>
<p>10° gushyiraho uburyo buboneye bwo kubaka</p>	<p>10° to insure appropriate mechanisms of building</p>	<p>10° établir un mécanisme approprié de</p>

ubushobozi bw'inzego za Leta, iz'abikorera n'iz'imiryango itari iya Leta hagamijwe iterambere ry'abakozi b'izo nzego no kubongerera ubumenyi n'ubushobozi byabafasha gukora neza no kubasha gupiganwa n'abandi ku isoko ry'akazi ku rwego rw'Igihugu no ku rwego mpuzamahanga;

11° korohereza no gufasha abashoramari kubahiriza amategeko asabwa mu kubungabunga ibidukikije;

12° gushyikirana no gukorana n'izindi nzego zihuje inshingano zo ku rwego rw'akarere cyangwa mpuzamahanga;

13° kugira inama Guverinoma ku bindi byose byakwihutisha iterambere mu Rwanda.

pro-development institutions in the Public, private and civil society sectors and increase staff capacity building in those institutions in order to improve their efficiency and competitiveness on both the national and international labor market ;

11° to facilitate and help investors meet environmental standards in the execution of their projects;

12° to cooperate and collaborate with other regional and international institutions having similar responsibilities ;

13° to advise Government on all activities which can fast track development in Rwanda.

développement institutionnel dans le secteur public, privé et la société civile et renforcer les capacités et les compétences des ressources humaines oeuvrant au sein de ces secteurs en vue d'améliorer leur efficience et compétitivité au marché de travail national et international ;

11° faciliter et aider les investisseurs à se conformer aux normes de protection de l'environnement ;

12° établir des relations et collaborer avec les autres agences tant régionales qu'internationales ayant les attributions similaires ;

13° conseiller le Gouvernement sur toutes les actions pouvant accélérer le développement au Rwanda.

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA RDB

Ingingo ya 4: Urwego rureberera RDB n'amasezerano ya gahunda y'ibikorwa

RDB ni urwego rw'Igihugu ruhoraho, rwigenga kandi rufite ubwisanzure mu mitegekere bwite no mu micungire y'imari n'umutungo.

RDB irebererwa na Perezidansi ya Repubulika.

Minisiteri ifite Ubucuruzi mu nshingano zayo ikurikirana RDB mu bijyanye n'ibikorwa ku rwego rw'ubuyobozi na tekini. Hagati y'ayo Minisiteri n'Inama y'Ubuyobozi hakorwa amasezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa agaragaza ububasha, uburenganzira n'inshingano za buri ruhande mu

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF RDB

Article 4: Supervising authority of RDB and the contract of performance

RDB is a permanent, independent national organ with administrative and financial autonomy.

RDB shall be supervised by the Office of the President of the Republic.

The Ministry in charge of commerce shall ensure the smooth running of technical and administrative matters. There shall be concluded between the afore mentioned Ministry and the Board of Directors a performance contract determining competences, rights

CHAPITRE III : DE L'ORGANE DE TUTELLE DE RDB

Article 4: Organe de tutelle et contrat de performance

RDB est un organe public permanent, indépendant et doté de l'autonomie administrative et financière.

RDB est placé sous tutelle de la Présidence de la République.

Le Ministère ayant le Commerce dans ses attributions assure la supervision sur le plan administratif et technique. Il est signé, entre ce Ministère et le Conseil d'Administration, un contrat de performance déterminant les compétences, les

kugeza RDB ku nshingano zayo.

and responsibilities of each party in achieving the objectives of RDB.

droits et les obligations de chaque partie en vue de la réalisation de la mission de RDB.

Ayo masezerano amara igihe gihwanye na manda y'abagize Inama y'Ubuyobozi, ashirwaho umukono na Perezida w'Inama y'Ubuyobozi na Minisitiri ufite ubucuruzi mu nshingano ze.

This contract shall have a duration equivalent to the term of office of the members of the Board of Directors and it shall be signed by the Chairperson of the Board of Directors and the Minister in charge of commerce.

Ce contrat est valide pour une durée égale au mandat des membres du Conseil d'Administration et est conjointement signé par le Président du Conseil d'Administration et le Ministre ayant le Commerce dans ses attributions.

Ingingo ya 5: Ibikubiye mu masezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa

Article 5: Contents of the contract of performance

Article 5: Contenu du contrat de performance

Mu byo amasezerano avugwa mu ngingo ya 4 agomba guteganya mu buryo bwumvikana harimo:

Among the contents of the contract mentioned in Article 4 that should be provided for in a clear way are :

Le contrat visé à l'article 4 doit préciser notamment les points suivants:

1° inshingano z'Inama y'Ubuyobozi, iz'Ubuyobozi n'iz'inze zose z'ingenzi za RDB;

1° the responsibilities of the Board of Directors and the management as well as the main organs of RDB;

1° les attributions du Conseil d'Administration, celles de la Direction et de tous les organes principaux de RDB ;

2° ibigomba kugerwaho na RDB;

2° expected results of RDB;

2° les réalisations attendues de RDB ;

3° aho umutungo wa RDB ukomoka, imikorere yayo n'uburyo buhoraho bwo kubigenzura.

3° the sources of the property of RDB; its sources functioning and permanent audit procedures.

3° source du patrimoine de RDB, ses modalités de fonctionnement et d'audit permanent.

Ingingo ya 6: Komite Ngishwanama

Article 6: Advisory Committee

Article 6 : Comité Consultatif

Hashyizweho Komite Ngishwanama iyoborwa na Minisitiri ufite ubucuruzi mu nshingano ze igizwe n'aba bakurikira:

There shall be hereby established an Advisory committee which shall be chaired by the Minister in charge of trade and composed of:

Il est créé un Comité Consultatif présidé par le Ministre ayant le commerce dans ses attributions et composé du :

1° Minisitiri ufite imari n'igenamigambi mu nshingano ze;

1° the Minister in charge of finance and economic planning;

1° Ministre ayant les finances et la planification économique dans ses attributions ;

2° Minisitiri ufite ubumenyi n'ikoranabuhanga mu nshingano ze;

2° the Minister in charge of science and technology;

2° Ministre ayant la science et la technologie dans ses attributions ;

3° Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze;	3° the Minister in charge of labor;	3° Ministre ayant le travail dans ses attributions ;
4° Minisitiri ufite umutungo kamere mu nshingano ze;	4° the Minister in charge of natural resources;	4° Ministre ayant les ressources naturelles dans ses attributions ;
5° Minisitiri ufite ibikorwa remezo mu nshingano ze;	5° the Minister in charge of infrastructure;	5° Ministre ayant les infrastructures dans ses attributions ;
6° Minisitiri ufite ubuhinzi n'ubworozi mu nshingano ze;	6° the Minister in charge of agriculture and livestock;	6° Ministre ayant l'agriculture et les ressources animales dans ses attributions ;
7° Minisitiri ufite ububanyi n'amahanga mu nshingano ze;	7° the Minister in charge of foreign affairs;	7° Ministre ayant les affaires étrangères dans ses attributions ;
8° Perezida w'Urugaga rw'Abikorera.	8° the Chairperson of the Private Sector.	8° Président de la Fédération du Secteur Privé.

Komite Ngishwanama ishobora kwiambaza undi muntu wese.	An Advisory Committee may seek assistance from any person as may required.	Le Comité consultatif peut faire recours à toute autre personne.
--	--	--

Komite Ngishwanama iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa.	The Advisory Committee shall meet once every term and whenever deemed necessary.	Le Comité consultatif se réunit une fois par trimestre et chaque fois que de besoin.
--	--	--

Komite Ngishwanama ishinze kunoza no guha RDB umurongo wa politiki no kugenzura uko ushyirwa mu bikorwa.	The advisory committee shall be in charge of refining and to designing a policy guideline and to ensure its implementation.	Le Comité consultatif est chargé d'harmoniser et de donner l'orientation politique et d'en assurer la mise en application.
--	---	--

Ibyemezo byayo bigezwa ku buyobozi bwa RDB mu gihe cy'iminsi irindwi (7) uherye igihe byemerejwe, Perezidansi ya Repubulika ikagenerwa kopi.	Its decisions shall be forwarded to RDB Management within seven (7) days from the time of their approval, and the President's office shall be given a copy.	Ses décisions sont transmises à la Direction de RDB endéans sept (7) jours à compter de la date de leur approbation, avec copie à la Présidence de la République.
--	---	---

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA RDB	CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF RDB	CHAPITRE IV : DE L'ORGANISATION ET DU FONCTIONNEMENT DE RDB
--	--	--

Ingingo ya 7: Inzego z'Ubuyobozi za RDB

Article 7: Administrative Organs of RDB

Article 7 : Organes de direction de RDB

RDB igizwe n' inzego z'ubuyobozi eshatu (3) zikurikira:

- 1° Inama y'Ubuyobozi;
- 2° Ubuyobozi Bukuru;
- 3° Ubuyobozi.

RDB is comprised of the following three (3) administrative organs:

- 1° the Board of Directors;
- 2° the General Directorate;
- 3° Management;

RDB est doté de trois (3) organes de direction suivants :

- 1° le Conseil d'Administration ;
- 2° la Direction Générale ;
- 3° la Direction.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi

Ingingo ya 8: Inama y'Ubuyobozi ya RDB

Inama y'Ubuyobozi ya RDB ni rwo rwego rukuru ruyiyobora. Ifite ububasha busesuye n'inshingano byo gucunga umutungo wa RDB kugira ngo ishobore kugera ku nshingano zayo.

Ingingo ya 9: Ishyirwaho ry'abagize Inama y'Ubuyobozi

Inama y'Ubuyobozi ya RDB igizwe n'Umukuru w'Ubuyobozi bwa RDB ari na we Perezida, umwungirije ushinze guteza imbere ibikorwa by'abikorera n'abandi bantu batoranywa hanze ya RDB.

Visi Perezida atoranywa mu bagize Inama y'Ubuyobozi badakora muri RDB n'abandi bagize Inama y'Ubuyobozi bashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Abandi bungirije Umukuru w'Ubuyobozi bwa RDB baja mu Nama y'Ubuyobozi ariko ntibatora.

Section one: Board of Directors

Article 8: Board of Directors of RDB

The Board of Directors of RDB is the supreme authority which oversees it. It shall have full powers and responsibilities to manage RDB resources in order for it to fulfil its responsibilities.

Article 9: Appointment of Board members

The Board of Directors is composed of the Chief Executive Officer who is the Chairperson of RDB, the Deputy Chairperson who is in charge of promoting private sector activities and other members appointed from outside RDB.

The Deputy Chairperson shall be chosen from members of the Board of Directors who are not employees of RDB and other members of the Board of Directors appointed by an Order of the Prime Minister.

Other Deputies of the Chief Executive Officer of RDB shall attend the Board of Directors meeting but shall not vote.

Section première : Du Conseil d'Administration

Article 8 : Conseil d'Administration de RDB

Le Conseil d'Administration de RDB est l'organe suprême de direction. Il est investi des pouvoirs étendus et de la mission d'assurer la gestion du patrimoine de RDB en vue de permettre à celui-ci de s'acquitter de sa mission.

Article 9 : Nomination des membres du Conseil d'Administration.

Le Conseil d'administration de RDB est composé du Directeur Général en Chef de RDB qui en est le Président, du Directeur Général Adjoint chargé de la promotion du secteur privé et d'autres membres externes.

Le Vice-Président est choisi parmi les membres du Conseil d'Administration qui ne travaillent pas au sein de RDB et d'autres membres du Conseil d'Administration nommés par Arrêté du Premier Ministre.

Les autres Directeur Général Adjoint participent aux réunions du Conseil d'Administration mais n'ont pas de voix délibérative.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba ari abagore.	At least thirty per cent (30 %) of the members of the Board of Directors shall be women.	Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'Administration sont de sexe féminin.
Umuyobozi Mukuru w'Imirimo Rusange ni umwanditsi w'Inama y'Ubuyobozi.	The Director General of general Services shall be the Rapporteur of the Board of Directors.	Le Directeur Général chargé des Services Généraux est le rapporteur du Conseil d'Administration.
Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa mu banyarwanda cyangwa abanyamahanga hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere mu bijyanye n'iterambere.	Members of the Board of Directors shall be selected from nationals or foreigners in accordance with their capacity and experience in matters related to development.	Les membres du Conseil d'Administration sont spécialement choisis parmi les nationaux ou étrangers possédant de larges connaissances et expériences dans le domaine du développement.
Abagize Inama y'Ubuyobozi baturuka hanze ya RDB bahabwa manda y'imyaka itanu (5). Ntibemerewe gukora manda zirenze ebyiri (2) zikurikirana.	External members of the Board of Directors shall be appointed for a period of five (5) years. They shall not be allowed to serve for more than two consecutive terms.	Les membres du Conseil d'Administration qui ne proviennent pas au sein de RDB sont désignés pour un mandat de cinq (5) ans. Ils ne peuvent pas servir plus de deux mandats consécutifs.

Ingingo ya 10: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi

Article 10: Responsibilities of the Board of Directors

Article 10: Attributions du Conseil d'Administration

Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi ya RDB ni izi zikurikira:	Responsibilities of the Board of Directors of RDB shall be:	Les attributions du Conseil d'Administration de RDB sont les suivantes :
1° gutanga icyerekezo cy'ibikorwa na gahunda y'imikorere bya RDB no gukurikirana uko bishyirwa mu bikorwa;	1° to provide the strategic vision and the plan of action of RDB and follow up their implementation;	1° déterminer la vision stratégique et le plan d'action de RDB et faire le suivi de leur mise en oeuvre ;
2° kwemeza umushinga w'amategeko ngengamikorere ya RDB ashirwaho n'Iteka rya Perezida;	2° to approve the draft of the internal rules and procedures of RDB which shall be established by a Presidential Order;	2° adopter le projet de règlement d'ordre intérieur de RDB qui doit être approuvé par Arrêté Presidential ;
3° kwemeza sitati igenga abakozi ba RDB hakurikijwe amategeko;	3° to approve personnel statutes, in accordance with laws;	3° adopter le statut du personnel de RDB conformément aux lois ;
4° kwemeza umushinga w'imiterere y'inzezo z'imirimo za RDB zishyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe;	4° to approve the draft of organisational structure of RDB which shall be established by a Prime Minister's Order;	4° adopter le projet de cadre organique de RDB qui est approuvé par Arrêté du Premier Ministre ;
5° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya buri mwaka, mbere yo kuyishyikiriza inzego zibishinzwe;	5° to approve the annual budget proposal before it is transmitted to relevant authorities;	5° approuver l'avant-projet de budget annuel avant de le transmettre aux organes compétents ;

6° gusuzuma imikorere ya RDB hakurikijwe gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari;	6° to evaluate the performance of RDB in accordance with the plan of action and the budget;	6° évaluer les performances de RDB sur base du plan d'action et du budget ;
7° kwemeza raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y'umutungo, z'umwaka urangiye;	7° to approve the activity and financial reports of the previous year;	7° approuver le rapport d'activités et le rapport d'utilisation du patrimoine pour l'exercice précédent ;
8° gushyiraho no gukuraho abayobozi bakuru b'amashami y'imirimo n'abandi bakozi ba RDB;	8° to appoint and dismiss Directors General of Departments and other staff members of RDB;	8° nommer et renvoyer les directeurs généraux des départements et autre personnel de RDB
9° gukurikirana imikorere y'Ubuyobozi bwa RDB n'abakozi bayo;	9° to monitor the performance of the management and personnel of RDB;	9° faire le suivi de performance de la Direction de RDB et de son personnel ;
10° gutanga raporo y'ibikorwa ya buri gihembwe kuri Perezidansi ya Repubulika no kuri Komite Ngishwanama n'igihe cyose bibaye ngombwa.	10° to submit an activity report to the President's office and to the Advisory Committee on a quarterly basis and when deemed necessary .	10° transmettre trimestriellement et chaque fois que de besoin un rapport d'activités à la Présidence de la République et au Comité Consultatif.

Ingingo ya 11: Itumirwa n'iterana ry'inama z'Inama y'Ubuyobozi

Inama y'Ubuyobozi ya RDB iterana buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa, itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize. Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi itanu (5) ngo inama iterane. icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu (3) kugira ngo iterane.

Buri gihembwe Inama y'Ubuyobozi igomba gusuzuma raporo y'imikoreshereze y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye zigashyikirizwa Perezidansi ya Repubulika, Komite Ngishwanama igahabwa kopi.

Article 11: Convening and holding meetings of the Board of Directors

The meeting of the Board of Directors of RDB shall be held once every term and at any time it is deemed necessary upon invitation of the Chairperson or the Vice Chairperson, in case of absence of its Chairperson, at their own initiative, or upon proposal in writing by a third (1/3) of its members. The invitation shall be submitted in writing to the Board of Directors at least five (5) days before the meeting is held. However, the extra ordinary meeting shall be convened in writing at least three (3) days before the meeting is held.

At every quarter, the Board of Directors shall examine the financial and activities reports of the previous quarter which shall be transmitted to the President's Office. The Advisory Committee shall be reserved a copy.

Article 11 : Convocation et tenue des réunions du Conseil d'Administration

Le Conseil d'Administration de RDB se réunit une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en cas d'absence du Président, de leur propre initiative, ou à la demande écrite d'au moins un (1/3) de ses membres. La convocation est faite par notification écrite et doit parvenir aux membres du Conseil d'Administration au moins cinq (5) jours avant la tenue de la réunion. Toutefois, en cas de réunion extraordinaire, la convocation se fait par notification écrite au moins trois (3) jours avant sa tenue.

Chaque trimestre, le Conseil d'Administration doit examiner le rapport financier et le rapport d'activités pour le trimestre écoulé et les soumettre à la Présidence de la République, avec copie au Comité Consultatif.

Ingingo ya 12: Ibiteganywa n'Amategeko ngengamikorere ya RDB

Mu byo amategeko ngengamikorere ya RDB ateganya, harimo:

- 1° kugena utumiza akanayobora inama z'Inama y'Ubuyobozi igihe Perezida na Visi-Perezida badahari cyangwa bagize impamvu;
- 2° uburyo inama ziterana n'uko ibyemezo bifatwa;
- 3° uburyo uri mu bagize Inama y'Ubuyobozi amenyesha ko afite inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa cyangwa bizasuzumwa vuba n'ibihano ashobora gusabirwa ku rwego rubifitiye ububasha hakurikijwe ingingo ya 13 y'iri tegeko ngenga.

Ingingo ya 13: Uburyo ugize Inama y'Ubuyobozi amenyesha ko afite inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa

Iyo uri mu bagize Inama y'Ubuyobozi afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa cyangwa byasuzumwa vuba, agomba, akimenya ibizasuzumwa, kumenyesha bidatinze Inama y'Ubuyobozi, aho inyungu ze zishingiye. Umenyesheje inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntashobora gutora mu gihe bafata ibyemezo kuri icyo kibazo. Umukuru w'Ubuyobozi bwa RDB ntajya mu nama zifata ibyemezo bimureba.

Article 12: Provisions of RDB's rules and procedures

There shall be included the following provisions in the rules and procedures of RDB:

- 1° determination of the person who convenes and presides over Board of Director meetings in case of absence of the Chairman and the Vice Chairman absence;
- 2° modalities on how the meeting convenes and how decisions are taken;
- 3° modalities on how a member of the Board Directors shall inform of his or her private interests in the items under examination or to be examined immediately and the penalties he or she may be imposed upon by a competent organ in accordance with Article 13 of this Organic Law.

Article 13: Procedures through which a member of the Board of Directors makes a notification of personal interest in issues under examination

When a member of the Board of Directors has direct or indirect personal interests in the issues under examination or one which will be examined soon, he or she is required, as soon as he or she is informed of the agenda, to immediately inform the Board of Directors of the basis of his or her interests. A person who notifies about his or her interest on the issue under examination shall not vote during decision taking on such an issue. The Chief Executive Officer does not attend meetings where the decisions to be made affect him or her.

Article 12: Contenu du Règlement d'ordre intérieur de RDB

Le Règlement d'ordre intérieur de RDB prévoit notamment les points suivants :

